# IJAMBO RYA MINISIRITI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO GUSOZA AMAHUGURWA Y'ABAGENZACYAHA

**Ku wa 31 Nyakanga 2025**
**National Police College, MUSANZE**

**Bayobozi duhuriye mu Runana rw'Ubutabera muri hano;**
**Bwana Umuyobozi Mukuru wa National Police College;**
**Bayobozi baturutse mu nzego zitandukanye z'igihugu;**
**Bagenzi bacu, Abagenzacyaha mushoje amahugurwa;**

Mwiriwe!

Mbanje gushimira ubuyobozi bw'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB) n'ubwa Polisi y'u Rwanda (RNP) ku bufatanye bubaranga mu gutegura aya mahugurwa ndetse no kuduha ikaze muri uyu muhango wo gusoza ku mugaragaro amasomo y'abagenzacyaha b'umwuga icyiciro cya VIII.

Ndashimira kandi mwese abarangije aya mahugurwa ku bw'umuhate n'ubwitange mwagaragaje muri iki gihe cyose mumaze mu masomo.

***Bayobozi namwe muteraniye hano uyu munsi,***
***Bagenzacyaha musoje amahugurwa,***

Ndagira ngo nibutse ko igihugu cyacu gikomeje kwimakaza imiyoborere ishingiye ku mategeko n'iterambere rirambye. Kugera ku ntego ngari nk'iyi, bisaba umusanzu wa buri wese ushingiye ku bumenyi ndetse n'ubushobozi. Uyu munsi rero turishimira ko Urwego rw'Ubutabera rwungutse andi

maboko yo gufasha kugana kuri iki cyerekezo igihugu cyihaye.

Nk'uko mubizi, imwe mu ntego z'Icyerekezo 2050 cy'u Rwanda ni imiyoborere ishingiye ku mategeko n'ubutabera kuri bose "*rule of law and justice for all.*" Ibi bisaba ko tugira inzego z'ubutabera zizewe, zifite ubushobozi, kandi zikora kinyamwuga.

Byongeye, ni ngombwa ko twibukiranya ko ubu tumaze umwaka dutangiye gushyira mu bikorwa **Gahunda ya kabiri ya Leta yo Kwihutisha Iterambere –*NST2*.** Ku bw'ibyo mu Rwego rw'Ubutabera twimakaje ubutabera bwihuse, buboneye kandi bwegereye abaturage.

Byongeye kandi, kunoza iperereza no kubaka ubushobozi bw'abakozi, nk'uko biri muri **Gahunda Ngenga Bikorwa y'Urwego rw'Ubutabera** ariyo twita ***Sector Strategic Plan 2024–2029***, ni kimwe mu by'ingenzi bizatuma tugera ku byo igihugu cyiyemeje.

Bijyanye n'ibihe turimo, ndagira ngo nshimire by'umwihariko uburyo RIB na Polisi y'u Rwanda bakomeje guteza imbere amahugurwa y'abakozi, binyuze mu gukoresha uburyo bugezweho burimo n'ikoranabuhanga, dore ko ibihe turimo bisaba ko inzego z'ubutabera zirushaho kugendana n'impinduka z'igihe mu ikoranabuhanga.

Nk'uko tubizi, ibyaha biri ku isonga mu bibangamira ituze ry'abaturage n'iterambere birimo gukubita no gukomeretsa, ubujura bwifashisha ikoranabuhanga, gusambanya abana, icuruzwa ry'abantu, iterabwoba n'ibiyobyabwenge. Imibare iragaragaza kandi ko ibyaha bikozwe hakoreshejwe ikoranabuhanga bikomeje kwiyongera, mu gihe isi yose igeze mu bihe bishya by'**ubwenge bw'ubukorano *(Artificial Intelligence)***.

Impinduka nk'izi z'uburyo ibyaha bikorwa, zikwiye kujyana n'ingamba nyazo zo gukumira no gutahura bene ibi byaha. Ibi bisaba abagenzacyaha bafite ubushobozi bwo gukoresha ibimenyetso bya gihanga (scientific evidence), kuko ari bwo buryo buzadufasha gutanga ubutabera bushingiye ku kuri no ku bumenyi.

Ni muri urwo rwego, twishimiye ko muri aya mahugurwa mwigishijwe amasomo y'ibanze n'acukumbuye ku bijyanye n'iperereza nshinjabyaha,

gukusanya no gusesengura ibimenyetso, kubahiriza uburenganzira bw'abakekwaho ibyaha ndetse n'abahohotewe, byose bigendanye n'amahame y'ubunyamwuga, nk'uko biteganywa mu cyerekezo cy'Igihugu cyacu muri Rusange, ndetse n'icy'Urwego rw'Ubutabera by'umwihariko.

Birumvikana rero ko uruhare rwanyu ari ingenzi mu nzego zose z'ubutabera. Nk'uko mubizi, iyo dosiye ikozwe nabi mu bugenzacyaha, bishobora kudindiza imikorere y'izindi nzego harimo Ubushinjacyaha n'Ubucamanza. Inshingano nk'izi zikomeye ziratwibuta rero ko Abagenzacyaha bagomba guhora bakorana ubunyamwuga, gutekereza kure, no gukorana ubwitange.

***Bayobozi namwe muteraniye hano uyu munsi,***
***Bagenzacyaha musoje amahugurwa,***

Uyu munsi ntago ari umusozo, ahubwo ni intangiriro y'inshingano ziremereye mwinjiyemo. Ndongera rero nshimangire zimwe mu nama nakunze kugarukaho igihe cyose nashoboye kuganira n'abo mu byiciro byababanjirije: mu rugendo rwo gutanga ubutabera, habaho abishimira icyemezo cyafashwe n'abatacyishimira. Ibi rero bisaba ko mugomba guhora muhagaze ku kuri, mukarangwa n'ubunyamwuga, mwirinda ibishuko byatuma muca ku ruhande rw'amategeko, harimo ruswa, itonesha, ikimenyane n'ibindi bidakwiye kuranga uyu mwuga w'agaciro mwahisemo.

RIB igendera ku ndangagaciro zishyira imbere "***Ubunyamwuga, Ukuri no Kwitanga***." Nimuzigira indangagaciro zanyu, muzagira uruhare rufatika mu kubaka ubutabera bw'u Rwanda.

Nsoje, mbifurije amahirwe masa mu nshingano mugiyemo kandi turabasezeranya ko Leta izakomeza kubaba hafi ibagenera ibyangombwa birimo n'amahugurwa kugira ngo murusheho kunoza umurimo wo gutanga ubutabera bubereye u Rwanda.

Umunsi mwiza!